ITANGWA RY'ISAKARAMENTU RY'UBUSASERIDOTI KU NYUNDO

Kuri uyu wa gatandatu tariki 23/07/2016, ku Nyundo hatangiwe Isakaramentu ry'Ubusaseridoti mu rwego rw'Ubudiyakoni n'Ubupadiri. Abahawe ubudiyakoni ni Fratri Jean Patrick HABIMANA wa Paruwasi ya Nyundo, Fratri Théophile HAKIZIMANA wa Paruwasi ya Nyundo, Fratri Fidèle KARASIRA wa Busasamana, Fratri Didier UWINEZA wa Rambura na Fratri Jean de la Croix NIZEYIMANA wa Rususa. Naho abahawe Ubupadiri ni Diacre Jean Claude DUSENGUMUREMYI wa Nyundo, Diacre Vedaste DUSABEYEZU wa Kinunu na Diacre Joseph NTIRANDEKURA wa Biruyi.

Abapadiri bashya bamaze kwambikwa imyambaro y'Abapadiri

Abadiyakoni bashya bamaze kwambikwa imyambaro y'abadiyakoni

Yakira abashyitsi, Padiri mukuru wa paruwasi Cathédrale ya Nyundo Gaspard KANZIRA Yavuze ko paruwasi ya Nyundo imaze imyaka 115 ishinzwe ikaba iya 3 mu rwanda. Yashimiye abaje gufatanya nabo gusangira ibyishimo kandi abifuriza kugubwa neza. Aragaragaza ko n'ubwo paruwasi ya Nyundo yamaze igihe itabyara abasaseridoti ubu irabatanga ndetse n'umwaka utaha izaba ifite babiri.

Mu izina rya bagenzi be bahawe Ubupadiri, Padiri Védaste DUSABEYEZU arashimira Imana yabatoye ku buntu bwayo. N'ubwo ari urugendo rurerure Imana ibafashije kurusoza. Arashimira Umwepiskopi wakiye neza ibyifuzo byabo ubwo bamusabaga guhabwa ubudiyakoni n'ubupadiri n'ubwo aribwo yari atangiye ubutumwa bwe buri wese akamusubiza akurikije icyifuzo cye. Arashimira ababyeyi babareze, abakristu babanye n'abandi basaseridoti bababereye urugero. Bashimishijwe n'uko bahawe iyi ngabire muri uyu mwaka w'impuhwe, kandi mugihe turi muri yubile y'imyaka ijana y'ubusaseridoti mu Rwanda. Bijeje abari aho kuzabasangiza ibyishimo bafite kandi babasaba inkunga y'isengesho rizakomeza kubaherekeza mu butumwa bwabo.

Mu izina ry'umuyobozi w'intara y'iburengerazuba, Bwana SINAMENYE Jérémie, umuyobozi w'Akarere ka Rubavu yatanze indamutso kubari aho. Yagaragaje ko abapadiri batatu twungutse ari ingufu ku gihugu cyose. Ni amahirwe ku karere ka

rubavu kuba ingufu za Kiliziya Gatolika buhafite icyicaro. Yagarutse kubwisungane mukwivuza (mituelle de santé) ubwo akarere ka Rubavu kabaye aka nyuma mu gihe abaturage b'akarere ka Rubavu bari mubafite amikoro nyamara hakaba hari benshi babuze uko bivuza. Yasabye gutanga ubukangurambaga kuri ubwo bwisungane mu kwivuza, isuku no kubyara abo bashoboye kurera kuko roho nziza igomba gutura mu mubiri muzima. Yashimiye ababyeyi bareze intore zatowe uyu munsi.

Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo yavuze ko ashimira Imana yaduhaye ubuzima ikanatugenera icyo yifuza. Arashimira ababyeyi bibarutse aba badiyakoni n'abapadiri uko bareze neza izo ntore. Arashimira abarezi bakiriye aba batowe baba abo mu mashuri abanza, ayisumbuye n'Iseminari Nkuru bababaye hafi bakabaha ubumenyi n'uburere. Arashimira umubyeyi wa diyosezi ya Nyundo Musenyeri Alexis HABIYAMBERE wabakiriye kandi akabagira inama none bikaba bitugejeje kuri uyu munsi. Yibukije abatowe kuzavoma imbaraga muri uyu mwaka w'Impuhwe za Nyagasani bakazazisangiza abakristu bashinzwe. Arabasaba kandi kwihambira ku isengesho. Arashimira abayobozi bo mu nzego bwite za Leta baje kwifatanya n'abakristu ba Nyundo abashimira ubufatanye na Kiliziya kandi abizeza kuzakomeza ubwo bufatanye mugushishikariza abantu icyabafasha kugira imibereho myiza nko gutanga ubwisungane mukwivuza, kugira isuku no kubyara abo bashoboye kurera.

Padiri Emmanuel BAMPORINEZA